

**IBYEMEZO BY'INAMA YAHUJE IMIRYANGO YA SOSIYETE SIVILE  
N'AMASHYAKA AKORERA MU BUHUNGIRO ATAVUGA RUMWE  
NA LETA YA FPR/INKOTANYI**

*I Paris, taliki ya 2 Gicurasi 2015*

Ku butumire bw'Inteko y'ubumwe, amahoro n'ubwiyunge (CUPR) mu rwego rwo kwigira hamwe, kujya inama no kungurana ibitekerezo ku bibazo u Rwanda n'abanyarwanda bahura nabyo muri iki gihe, imiryango ya sosiyete sivile nyarwanda ikorera mu mahanga, n'amashyaka ya politike atavuga rumwe na leta ya FPR-Inkotanyi ahuriye i aris mu Bufransa, taliki ya 2 Gicurasi 2015.

**Kuli gahunda y'inama, hizwe ibibazo bikulikira :**

- Gushakira umuti burundi ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda
- Gufata ibyemezo ku mushinga nkinamico w'ingoma ya FPR-Inkotanyi ugamije guhindura ingingo ya 101 y'Itegeko-Nshinga ry'u Rwanda kugira ngo Perezida Paul Kagame abashe kuguma ku butegetsi ubuziraherezo.
- Kwiga uburyo buhoraho bwafasha imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka ya politike kurushaho kungurana ibitekerezo no gufatanya mu bikorwa bifitiye abanyarwanda akamaro.

Bamaze kwungurana ibitekerezo ku ngingo za gahunda yabazinduye, abari mu nama y'i Paris baratangaza ibikulikira :

---

**A. - GUSHAKIRA UMUTI BURUNDU IKIBAZO CY'IMPUNZI Z'ABANYARWANDA**

---

1. Impunzi z'abanyarwanda zili mu mahanga zahunze kubera impamvu za politike n'umutekano muke mu Rwanda.
2. Ikibazo cy'impunzi kigomba gusuzumwa mu rwego rwa politike na diplomasi hagati ya Leta y'u Rwanda, impunzi z'abanyarwanda, ibihugu bizicumbikiye, hamwe n'ishami rya Loni ryita ku mpunzi, aliwo HCR - Haut Commissariat des Nations Unies pour les Réfugiés.
3. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe na Leta ya FPR/Inkotanyi yemeje ko bagiye gusaba HCR na Loni muli rusange, gukoresha inama mpuzamahanga yihutirwa (*Table Ronde*) ku kibazo cy'impunzi z'abanyarwanda, igahuza Leta y'u Rwanda, abahagaraliye impunzi n'ibihugu byazakiriye, kugirango basuzume neza imvo n'imvano z'ikibazo maze bakibonere umuti burundi.

4. Kugira ngo impunzi z'abanyarwanda zishyirireho abazivugira bazwi n'amahanga, kandi zigire uruhari rukomeye mw'itegura ry'iyo *Table ronde*, abali mu nama y'i Paris bemeje ko komite isanzwe ikulikirana ikibazo cya « cessation clause » yahinduka Komite mpuzabikorwa ku bibazo by'impunzi z'abanyarwanda muli rusange. Iyo Komite izaba ifite amatsinda ayihagarariye muli buri gihugu kirimo impunzi z'abanyarwanda.

5. Buri shyaka rya politike na buri shyirahamwe rya sosiyete sivile rizatanga izina ry'urihagarariye muri Komite mpuzabikorwa yaguye.

## B. IKIBAZO CY'IHINDAGURA RY'ITEGEKO-NSHINGA KUGIRA NGO PREZIDA KAGAME YONGERE YITORESHE UBUZIRAHHEREZO

1. Nk'uko bigaragazwa n'impaka z'ikinamico zikoreshwa n'ishyaka FPR-Inkotanyi n'andi mashyaka akorera mu kwaha kwayo mu rwego rwa *Forum y'amashyaka*, abari mu nama y'i Paris basanze Prezida Paul Kagame na FPR bashaka kurangaza abanyarwanda kugira ngo bababuze gutekereza no guharanira uburyo bwiza bwo kuzana Demokarasi mu Rwanda.

2. Abanyarwanda n'amahanga bazi ko ingoma ya FPR-Inkotanyi irangwa no kugundira ubutegetsi, gutegekesha igitugu, gukandamiza abaturage, kwivanga mu bucamanza, kwima ubuhumekero itangazamakuru, guhohotera uburenganzira bw'ikiremwa-muntu, kunigana ijambo abatavuga rumwe n'ubutegetsi no kubahoza mu buroko, gukurikirana mu mahanga impunzi n'abatavuga rumwe na Leta, bakabatoteza, byarimba bakabicirayo nk'uko byagaragaye kenshi.

3. Abari mu nama basabye abaharanira Demokrasi mu Rwanda bose ko batagomba kurangazwa n'induru ndende yibanda gusa ku ihindurwa ry'ingingo imwe y'itegeko-nshinga Kagame yishyiriyeo hagamijwe kugira ngo azategeke u Rwanda bitagira iherezo, ko ahubwo amashyaka n'amashyirahamwe agomba gukaza umurego mu gukora ibishoboka byose kugira ngo babohoze urubuga rwa politique (espace politique, political space) rwikubiwe n'lshyaka rya FPR-Inkotanyi.

4. Niyo mpamvu, mu gihe hategerejwe amatora ya Perezida wa Repubulika mushya mu mwaka w'i 2017, imiryango n'amashyaka yateraniye mu nama y'i Paris yiye meje kwibanda ku byihutirwa kugira ngo u Rwanda rugere kuli Demokrasi isesuye, mu bwigenge, mu bwisanzure, mu kwishyira ukizana, mu bwubahane. U Rwanda rugomba kugira inzego z'ubuyobozi zihuza abanyarwanda aho kubateranya no kubatanya, inzego z'ubutegetsi abanyarwanda bose bibonamo nta vangura cyangwa uwironde ubwo aribwo bwose.

5. Kugira ngo Demokarasi isesuye izagerweho mu mucyo, hatagombye kumeneka amaraso nk'uko bigaragara muli iki gihe mu bihugu bimwe na bimwe by'Afurika, abari bateraniye mu nama y'i Paris basanze hari ibyemezo by'ibanze kandi bidakuka bigomba gufatwa mu bwumvikane hagati ya Leta iyobowe na Paul Kagame, sosiyete sivile, n'amashyaka ya politike y'abatavuga rumwe na FPR.

6. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe na Leta ya FPR/Inkotanyi yamaganye bikomeye ihindagura ry'ingingo ya 101 y'itegeko-Nshinga

ryo mu 2003 ibuza perezida Paul Kagame kwongera kwiyamariza kuyobora u Rwanda.

7. Aho kurangaza abanyarwanda mu ihinduka ry'ingingo imwe y'Itegeko-Nshinga imubuza kongera kwiyamariza kuyobora u Rwanda, Perezida Kagame na Leta ayobora bagomba gufungura urubuga rwa politike kugira ngo ejo u Rwanda rutazasubira mu ntambara kubera ubutegetsi bubi bushingiye ku iterabwoba, ivanguramoko, n'ikandamizwa rya rubanda.

8. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe na Leta ya FPR/Inkotanyi barasaba bahanukiriye Perezida Paul Kagame **gutangaza bidakuka kandi ku mugaragaro** ko atazongera kwiyamariza umwanya wa Perezida wa Republika nyuma ya manda ye ya kabiri azarangiza mu mwaka wa 2017.

9. Kugira ngo urubuga rwa politique rubere bose, ntihagire umwenegihugu wongera kubaho yububa, **Forum y'amashyaka ishyirwaho n'ingingo ya 56** y'Itegeko-Nshinga igomba kuvaho byihutirwa kuko itonesha FPR ikabuza andi mashyaka ubuhumekero n'ubwinyagamburiro. Igomba kuvaho mbere y'impera z'uju mwaka wa 2015 kugira ngo amashyaka yemewe mu Rwanda abone uburenganzira bwuzuye bwo kwitegurira amatora yo mu 2017, kwiyereka rubanda no gushyira mu bikorwa imishinga n'inshingano zayo.

10. Niyo mpamvu amategeko agena ingingo zigomba kuzuzwa n'amashyaka akorera mu buhungiro nayo agomba kuvugururwa, hagakurwamo ingingo zose zashyiriweho kunaniza no gukumira nkana amashyaka ya politike akorera mu buhungiro.

11. Demokarasi ntishobora gushinga imizi mu gihe abatavuga rumwe na perezida Paul Kagame baborera mu buroko, cyangwa bakicwa. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe na Leta ya FPR/Inkotanyi yonjeye gusaba Perezida Paul Kagame na Leta ayobora gufungura mu **maguru mashya abanyapolitike, abanyamakuru n'abaharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu** bari mu buroko, bazira gusa ibitekerezo byabo.

12. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka ya opposition barasaba ko mu gihe kitarenze igihembwe cya kabiri cy'umwaka w'i 2016, ni ukuvuga hasigaye byibura umwaka umwe ngo amatora ya prezida wa Republika yo mu 2017 abe, hatangira inama mpuza-mashyaka na sosiyete sivile, abayobozi b'amadini, n'abantu b'inraribonye bazwiho ubutabera n'ubwigenge, kugira ngo bigire hamwe imiterere **mishya y'inzego z'ubutegetsi Abanyarwanda bibonamo batishishana**, nt'abahozwa ku nkeke y'ibyaha byakozwe na bamwe mubo bahuje ubwoko cyangwa akarere, bityo u Rwanda rugasezerera burundu itotezwa rishingiye ku bitekerezo bya politike, ivangura-moko n'ivangura-turere, n'ibindi byose byagiye bituma amaraso menshi y'inzirakarengane ameneka mu gihugu cyacu.

13. Inzego zishinzwe kurinda umutekano w'abaturage n'ubusugire bw'u Rwanda zigomba guhindura isura, zigahumuriza rubanda aho kubahoza ku nkeke no kubica umusubizo. Niyo mpamvu hagomba kwigwa byihutirwa ibyakorwa kugira ngo ingabo z'igihugu, polisi n'izindi nzego zose zishinzwe kubahiriza amahoro mu gihugu, ntizikomeze kuba ingabo z'ishyaka riri ku butegetsi nk'uko bimeze kuri uyu munsi.

14. Nk'uko byateganywaga n'amasezerano y'amahoro yashyzweho umukono Arusha kw'italiki ya 4 Kanama 1993, inzego z'ubutegetsi muli rusange, zaba iza gisivile cyangwa iza gisilikari na polisi, zigomba kuba ishusho ry'u Rwanda, zikaba intabera,

zigahurirwamo n'abanyarwanda bakomoka mu moko yose, ibitsina byose, n'uturere twose, bityo rubanda bakazibonamo, bakarushaho kuzizera.

15. Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe na Leta ya FPR/Inkotanyi yemereye Abanyarwanda kuzakora ibishoboka byose kugira ngo inshingano zose zavuzwe haruguru zigerweho bidatinze.

### **C. UBURYO BUHORAHO BWO KUNGURANA IBITEKEREZO NO GUFATANYA MU BIKORWA BIFITIYE ABANYARWANDA AKAMARO**

1. Abateraniye mu nama y'i Paris barasaba amashyirahamwe nyarwanda n'amashyaka atarashoboye kuboneka uwo munsi kubera impamvu zinyuranye, yaba akorera mu Rwanda cyangwa mu mahanga, kwisuganya no kwishyira hamwe agatera igititu ingoma y'igitugu kugira ngo impinduka ya Demokarasi igamije iterambere abanyarwanda bategereje, ikorwe mu mahoro kandi mu buryo bwumvikanyweho na bose.

2. Kugira ngo inshingano yo kubohoza urubuga rwa politike igerweho, mu rwego rwo gushyiraho ubutegetsi bushya bushingiye kuli Demokarasi isesuye, imiryango yigenga ya sosiyete sivile n'amashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi bwa FPR/Inkotanyi yemeranyije gushyiraho **urwego mpuza-bitekerezo** (Cadre de concertation) kugira ngo igihe cyose bibaye ngombwa bajye inama, bungurane ibitekerezo, bafatanye mu bikorwa bihuje n'inyungu z'u Rwanda n'abanyarwanda.

3. Abali mu nama basabye *Inteko y'ubumwe, amahoro n'ubwiyunge* kugeza imyanzuro y'i Paris ku yandi mashyirahamwe n'amashyaka ya politike atarashoboye kuza mu nama, kugira ngo ubufatanye hagati y'abaharanira demokrasi mu Rwanda butere imbere kandi burusheho kugira ingufu.

*Bikorewe i Paris taliki ya 20 Gicurasi 2015*

#### I) Imiryango yigenga ya sosiyete sivile yaje mu nama :

- CUPR - Inteko y'ubumwe, amahoro n'ubwiyunge
- RIPRODHOR - Réseau International pour la Promotion et la Défense des Droits de l'Homme au Rwanda
- FONDATION IBUKABOSE-RENGERABOSE
- CSRF - Cercle de Solidarité des Rwandais de France
- FONDATION Y'UMWAMI KIGELI V : *nta ruhande yafashe ku kibazo cya manda ya prezida wa Republika, kubera ko itivanga mu bibazo bya politike.*

**II) Amashyaka ya politike atavuga rumwe na leta ya FPR yaje mu nama :**

- UDFR-IHAMYE
- FDU-INKUBIRI
- RDI-RWANDA RWIZA
- ISHEMA PARTY
- FPP-URUKATSA

**III) Imiryango ya sosiyete sivile n'amashyaka ya politike yatumiwe agashyigikira gahunda y'inama, aliko ntaboneke kubera impamvu zitayaturutseho :**

- RDTJ - The Rwandan Platform For Dialogue, Truth And Justice (South Africa)
- CLIIR - Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda (Belgique)
- DVJP - Projet pour la Réconciliation par le Droit, la Vérité, la Justice et le Pardon (Belgique)
- PS-IMBERAKURI
- PDP-IMANZI
- PDR-IHUMURE

*Abifuza kutugezaho ubutumwa cyangwa ibitekerezo, bacisha ubutumwa kuli email [intekoyubwiyunge@gmail.com](mailto:intekoyubwiyunge@gmail.com)*